REPUBLIKA Y'U RWANDA

IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE IRANGAMUNTU (NIDA)
B.P. 3397 KIGALI
Website: www.nid.gov.rw

ITANGAZO

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Irangamuntu "NIDA" anejejwe no kwibutsa abantu basaba serivise z'indangamuntu ko izo serivisi zikomeje gutangirwa ku biro by'Umurenge umuturage atuyemo nk'uko bisanzwe.

Mu gihe umuturage ageze ku Murenge agasanga ikibazo cye Umurenge udashobora kugikemura kubera umwihariko wacyo, nk'uko bisanzwe, Umurenge umwandikira ibaruwa imusabira guhabwa serivise n'abakozi ba NIDA ku buryo bwihariye.

Umuturage uhawe n'Umurenge iyo baruwa yakirwa n'umukozi wa NIDA ukorera ku Murenge yahisemo mu Mirenge itatu yo mu Mujyi wa Kigali:

- Mu Karere ka Kicukiro: Umurenge wa **NIBOYI**;
- Mu Karere ka Gasabo: Umurenge wa **REMERA**;
- Mu Karere ka Nyarugenge: Umurenge wa **GITEGA**.

Uwo mukozi ni na we ugena niba serivise ku muturage yakiriye itangirwa ku cyicaro cya NIDA.

Serivise z'indangamuntu ku Banyarwanda baba mu mahanga "**Diaspora Nyarwanda**" zizakomeza gutangirwa ku Cyicaro cya NIDA nk'uko bisanzwe.

Icyitonderwa: Umuturage yakirwa yamaze kwishyura **amafaranga 500** ku ndangamuntu igiye gukorwa bwa mbere cyangwa **1,500** ku ndangamuntu yongeye gukorwa.

Bikorewe i Kigali, kuwa .....

NYAMULINDA Pascal

Umuyobozi Mukuru wa NIDA